REPUBULIKA Y'U RWANDA

Kicukiro, kuwa 27/10/2016
Réf. N° 009../07.0103/Njy/2016

UMUJYI WA KIGALI
AKARERE KA KICUKIRO
INAMA NJYANAMA

28/10/2016

**Madamu Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali**
**KIGALI**

CITY OF KIGALI 28 OCT 2016 RECEIVED

**Impamvu** : Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye tariki ya 22/10/2016

Madamu Muyobozi,

Nejejwe no kubandikira ngira ngo mbagezeho imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kicukiro yateranye kuwa 22/10/2016.

Iyo myanzuro murayisanga ku mugereka w'uru rwandiko.

Mbashimiye uburyo mubyakiriye.
Mugire amahoro.

28/10/2016

**Eng. NKUBANA A. Dismas**
Umuyobozi w'Inama Njyanama
y'Akarere ka KICUKIRO

**Bimenyeshejwe**
- Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  **KIGALI**
- Umuyobozi w'Akarere ka Kicukiro
  **KICUKIRO**

MINALOC
Pour réception
Date 28 OCT 2016
Signature

**IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KICUKIRO YATERANYE KUWA 22 UKWAKIRA 2016**

Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kicukiro yateraniye mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Kicukiro tariki ya 22/10/2016, iyobowe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama, Eng. NKUBANA A. Dismas. Inama yatangiye saa tatu n'iminota mirongo itanu n'itandatu (09:56) isoza imirimo yayo saa mbiri n'iminota mirongo ine (20:40) z'umugoroba.

**Abajyanama bitabiriye inama:**

| N° | AMAZINA | ICYO AKORA | EMAIL ADDRESS | TELEFONE |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Eng. NKUBANA A. Dismas | Umuyobozi w'Inama Njyanama | nkubanad@yahoo.com | 0788307733 |
| 2 | TWAGIRAYEZU Innocent | Umuyobozi Wungirije w'Inama Njyanama | twagirainn@yahoo.fr | 0788300595 |
| 3 | UWIZEYE Odette | Umunyamabanga w'Inama Njyanama | uwizeyeode@gmail.com, uwizeyeode@yahoo.fr | 0788304391 |
| 4 | BAINGANA Emmanuel | Umujyanama | baingema@gmail.com | 0788464969 |
| 5 | BIZIMANA Dominique | Umujyanama | bizidom2002@yahoo.fr | 0788618220 |
| 6 | Dr. NYIRAHABIMANA Jeanne | Umujyanama | jnyirahabimana@gmail.com | 0788389949 |
| 7 | KARANGWA Cassien | Umujyanama | karca2006@yahoo.fr | 0788480107 |
| 8 | MAGAJU Aimable | Umujyanama | Aimag2001@yahoo.fr | 0788354720 |
| 9 | MUKARUTESI Athanasie | Umujyanama | gathanasie@yahoo.com | 0788759414 |
| 10 | MUKUNDE Angélique | Umujyanama | ange_muk@yahoo.fr | 0788304557 |
| 11 | MUREKATETE Alphonsine | Umujyanama | alphafuraha12@gmail.com | 0788819547 |
| 12 | MUTAMBA Betty | Umujyanama | mutambab@yahoo.com | 0788491956 |
| 13 | NDONKEYE Valens | Umujyanama | ndovalencia@yahoo.fr | 0788423128 |
| 14 | SALAFINA Flavia | Umujyanama | fsalafina@gmail.com | 0788449500 |
| 15 | SHEMA Kenneth | Umujyanama | shemakenny@yahoo.com | 0786913473 |
| 16 | TUMUKUNDE Monica Léonard | Umujyanama | gatsleo@gmail.com | 0788875779 |
| 17 | UMUHIRE Christiane | Umujyanama | christumu@yahoo.fr | 0788843611 |
| 18 | UWAMARIYA Annet | Umujyanama | annetuwamariya@gmail.com | 0788763800 |
| 19 | UWIMANA Virginie | Umujyanama | kavivi2015@gmail.com | 0788463654 |

**Abasibye inama bafite impamvu**

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 1 | MUTONI Justine | Umujyanama | Mutonijustine55@gmail.com | 0786104504 |
| 2 | NIYITANGA Irené | Umujyanama | ninairene22@yahoo.com | 0784298045 |
| 3 | UWIMBABAZI Pelagie | Umujyanama | uwimbabazi.pelagie@yahoo.com | 0788521078 |
| 4 | RUTIKANGA Alexandre | Umujyanama | rutikangaalexandre@gmail.com | 0788415085 |

Inama yitabiriwe kandi n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere n'abajyanama b'Umujyi wa Kigali batorewe mu Karere ka Kicukiro: MUTAGANDA Joselyne, ABATONI Peninah, KAYITANA Modeste na GAKWAYA Victor.

Ku murongo w'ibyigwa Inama Njyanama yemeje ingingo zikurikira, icyemezo gitorwa n'abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama:

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 20/08/2016;
2. Gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inama Njyanama yo kuwa 20/08/2016;

3. Raporo y'amezi atandatu (Werurwe 2016 – Nzeri 2016) y'abagize Komite Nyobozi;
4. Raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa (Umugenga w'ingengo y'imari y'Akarere) ku mikoreshereze y'ingengo y'imari 2016/2017 igihembwe cya mbere;
5. Raporo za Komisiyo z'Inama Njyanama;
6. Raporo ya Komite Ngenzuzi;
7. Imikoreshereze y'ubutaka bwatanzwe n'Akarere bumaze igihe butubakwa;
8. Ibibazo by'Abaturage;
9. Ibintu n'ibindi.

**Ingingo ya mbere: Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 20/08/2016**

**Umwanzuro 052/10/16-17**

Inama Njyanama yemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye kuwa 20/08/2016 nyuma yo kuyisoma no kuyikorera ubugororangingo. Inyandikomvugo yemejwe n'abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya 2: Gusuzuma ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro y'Inama Njyanama yo kuwa 20/08/2016**

Umuyobozi w'Akarere yagejeje ku Nama Njyanama uburyo imyanzuro yafashwe mu nama yo kuwa 20/08/2016 yashyizwe mu bikorwa.

**Umwanzuro 053/10/16-17**

Inama Njyanama yasanze ku myanzuro 31 yafatiwe mu nama muri yo 20 yarashyizwe mu bikorwa 100% , itanu (5) igishyirwa mu bikorwa bitewe n'imiterere yayo, naho indi itandatu (6) itarashyirwa mu bikorwa kuko yari itegereje gukorerwa ubugororangingo. Inama Njyanama yashimye uburyo imyanzuro yashyizwe mu bikorwa isaba ko itarashyirwa mu bikorwa yihutishwa. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya 3: Raporo y'amezi atandatu (Werurwe 2016 – Nzeri 2016) y'abagize Komite Nyobozi**

1. **Raporo y'Umuyobozi w'Akarere**

Hashingiwe ku biteganywa n'itegeko n° 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 mu ngingo 132 §15, ko buri mezi atandatu (6) Umuyobozi wa Komite Nyobozi y'Akarere asobanura raporo y'ibikorwa bijyanye n'inshingano ze imbere y'Inama Njyanama;
Umuyobozi w'Akarere yagejeje ku Nama Njyanama raporo y'ibikorwa biri mu nshingano ze byo kuva mu kwezi kwa Werurwe 2016 kugeza mu kwezi kwa Nzeri 2016 ku buryo bukurikira:

- **Guhagararira Akarere imbere y'izindi nzego :** Hitabiriwe umwiherero w'Abayobozi wabereye i Gabiro muri Werurwe 2016, Itorero ry'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze ryabereye i Gabiro muri Werurwe 2016, inama y'Umutekano ku rwego rw'Igihugu tariki 25/08/2016 n'inama zose ubuyobozi bukuriye Akarere bugatumiramo (Inama za Komite Nyobozi yaguye



NKf

y'umugi wa Kigali, Inama z'umutekano z'umugi wa Kigali, Inama za minisiteri y'Ubutegetsi bw'igihugu, …).

- **Kuyobora inama za Komite Nyobozi** ziba buri wa gatanu w'icyumweru n'ikindi gihe bibaye ngombwa no kuyobora inama za Komite Nyobozi yaguye ziba kuwa mbere wa buri cyumweru n'ikindi gihe bibaye ngombwa zikaba zitumirwamo abayobozi b'amashami n'abakozi barebwa n'imihigo n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge.

- **Kumenyekanisha mu karere umurongo wa politiki igihugu kigenderaho** : Ibi bikaba bikorwa mu nama abaturage bahuriramo n'ubuyobozi mu mirenge igize Akarere, mu muganda ngarukakwezi, no mu nama n'abafatanyabikorwa. Guhera muri Kamena 2016 buri wa gatatu w'icyumweru, Komite nyobozi ikaba ihura n'abaturage hagamijwe kwakira no gukemura ibibazo no kubagezaho gahunda za leta. Ibi bikaba bikorwa kandi no muri gahunda zihariye (Umunsi w'umugore, Umunsi w'umugore wo mu cyaro, ukwezi kw'imiyoborere myiza, icyumweru cy'ubumwe n'ubwiyunge, ukwezi ko gukunda igihugu, kwibuka Jenoside yakorewe batutsi mu 1994, ...).

- **Kuba umwanditsi w'irangamimerere mu karere no gukurikirana imirimo y'irangamimerere ikorerwa mu mirenge:** Habayeho gukurikirana imikorere y'Imirenge n'imirimo y'irangamimerere, hategurwa n'amahugurwa y'abakozi b'irangamimerere (Nzeli 2016) kugira ngo bongererwe ubushobozi mu gutangira serivisi hakoreshejwe ikoranabuhanga "irembo".

- **Kumenyekanisha no gukurikirana ibyemezo byafashe n'Inama Njyanama n'amabwiriza avuye mu zindi nzego z'ubuyobozi:** Mu nama zinyuranye, abaturage n'abakozi bamenyeshejwe amabwiriza n'ibyemezo by'Inama Njyanama y'Akarere kandi basabwa kubishyira mu bikorwa, kandi igihe cyose Inama Njyanama iteranye hagaragazwa ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro iba yarafashwe.

- **Guhuza ibikorwa by'Imirenge n'inzego:** Hatumijwe inama zo guhuza igenamigambi n'iteganyabikorwa, ndetse no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo biba byafashwe. Imirenge yarasuwe, igirwa inama ku bibazo biba byahagaragaye ndetse hakorwa n'isuzuma ry'imikorere.

- **Kumenyekanisha politiki za Leta mu karere**: Buri kwezi haba umuganda rusange witabirwa n'Umuyobozi w'Akarere n'abagize Komite Nyobozi bose. Hakurikiranwa itegurwa ryawo n'uko ukorwa mu mirenge yose ndetse hagatangirwamo inama.

- **Gukurikirana ikoreshwa ry'umutungo w'Akarere no kuwongera**: Hayobowe inama z'ubukangurambaga ku myinjirize y'umutungo w'Akarere (zahuje RRA, NGALI, n'Akarere) harebwa n'ingamba zafatwa kugira ngo umutungo w'Akarere wiyongere. Hakozwe inama yahuje ubuyobozi bw'Akarere n'abashoramari bagaragarizwa amahirwe y'ishoramari ari mu karere (Ukwakira 2016); hateguwe hirya no hino mu mirenge tax week; binyuze mu nama za

Komite Nyobozi hemejwe imikoreshereze y'amafaranga yemejwe mu ngengo y'imari. Habayeho kandi gukurikirana uko inama z'umugenzuzi w'imbere mu karere n'umugenzuzi w'Imari ya Leta bishyirwa mu bikorwa.

- **Gukurikirana umutekano w'abantu n'ibintu:** Inama z'umutekano zaguye n'izitaguye na J.O.C., ziba zigamije gutekereza no gufata ingamba ku mutekano w'ibintu n'abantu, gukumira no kurwanya ibiwuhungabanya no gufata ibyemezo kugira ngo ibyaha bigaragara bigabanuke. Habayeho kandi no gukemura ibibazo by'abaturage harimo n'ibyari bimaze imyaka myinshi nk'ibibazo bya MUKANEZA Esperance, Umuryango wa NYIRUMURINGA, NDINDIYEHE na KAREKEZI,...).

**Umwanzuro 054/10/16-17**

Inama Njyanama yakiriye raporo y'ibikorwa biri mu nshingano z'Umuyobozi w'Akarere byo kuva mu kwezi kwa Werurwe 2016 kugeza mu kwezi kwa Nzeri 2016 iranayishima, isaba ko ubutaha raporo ye yajya igaragaza ibyakozwe, ibitarakozwe n'ingamba zafashwe. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama.

## B. <u>Raporo y'umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu</u>

Hashingiwe ku biteganywa n'itegeko n° 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 mu ngingo 133 §14, ko buri mezi atandatu (6), Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu, yagejeje ku Nama Njyanama raporo y'ibimaze kugerwaho bijyanye n'ishingano ze uhereye Werurwe 2016 kugeza Nzeri 2016 mu buryo bukurikira:

- **Gusimbura Umuyobozi w'Akarere mu mirimo ye iyo adahari** yitabira inama, ayobora cyangwa atanga ibiganiro;

- **Kumenyekanisha mu Karere politiki igihugu kigenderaho mu by'ubukungu:** Mu miganda yakozwe mu mezi yose kuva Werurwe 2016 kugeza Nzeli 2016 no mu biganiro mbwirwaruhame byatanzwe mu kwezi kwahariwe Imiyoborere Myiza ndetse no mu nteko z'Abaturage ziba buri wa gatatu hasobanuwe gahunda za Leta mu by'ubukungu.

- **Guhuza no guteza imbere ibikorwa by'ubufatanyabikorwa mu majyambere:** Hanogejwe urutonde rw'abafatanyabikorwa mw'iterambere, hakorwa inama ya ACCES TO FINANCE, hakorwa inama nyunguranabitekerezo kw'iterambere ry'ubukungu higirwa hamwe imikoranire igamije kongera imirimo (kubonera imishinga inguzanyo).

- **Gukurikirana uko ibyemezo by'Inama Njyanama bishyirwa mu bikorwa mu byerekeye imari n'iterambere ry'ubukungu**: hakurikiranywe ikibazo cy'abatarishimiye expropriation bakorewe mu murenge wa Gahanga, hakurikiranwe ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo ya 2016/2017 muri "cluster" y'iterambere.

- **Guteza imbere no gukurikirana ibikorwa byose birebana n'ubukungu n'iterambere ry'Akarere**: hitawe kuri gahunda zijyanye n'ubuhinzi n'ubworozi, guhanga ibikorwa remezo; hakurakiranywe ishyirwa mu bikorwa rya Master plan; himakajwe ubufatanye hagati y'Akarere n'abikorera.

- Mu rwego rwo guca ubucuruzi bw'akajagari ( abazunguzayi) mu Karere ka Kicukiro, hakozwe ibarura ry'abakora ubucuruzi bw'Akajagari mu Karere kose, bashyirwa mu matsinda. Hakozwe kandi inyigo yo kubaka udusoko tubiri mu Mirenge ya Kagarama na Nyarugunga. Kubufatanye n'Umushoramari SONATUBE hagiye kubakwa isoko rizakorerwamo abacururiza ahatemewe/abazunguzayi.
- **Gushyiraho ingamba zo gufata neza ibikorwa remezo n'ibidukikije :** hubatswe ibigega bya Biogaz mu Mirenge 5 yo mu Karere ka Kicukiro.
- **Gukurikirana uko ingengo y'imari yateganyirijwe ibikorwa biri mu nshingano ze ishyirwa mu bikorwa:** Hakozwe inama ngishwanama ku misoro, Hateguwe ibipimo by'imisoro n'amahoro bizakurikizwa muri 2016-2017.
- **Gushishikariza abaturage gukurikiza amategeko arebana n'ubukungu, imari n'amajyambere:** abaturage bashishikarijwe gukurikiza amategeko arebana n'ubukungu, imari n'amajyambere.
- **Kwita ku bibazo by'imiturire no gukurikirana imikorere y'ibiro by'ubutaka mu Karere**: hakozwe ibishushanyo mbonera byihariye, hategurwa n'umudugudu w'icyitegererezo.
- **Kwakira no gukemura ibibazo byerekeye ubukungu n'amajyambere:** Hakemuwe ibibazo by'imiturire, ibibazo by'ibigo by'imari, n'ibibazo bya ba rwiyemezamirimo.

**Umwanzuro 055/10/16-17**

Inama Njyanama yakiriye raporo y'ibikorwa biri mu nshingano z'Umuyobozi wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu byo kuva mu kwezi kwa Werurwe 2016 kugeza mu kwezi kwa Nzeri 2016 iranayishima, isaba ko ubutaha raporo ye yajya iba ngufi kandi ikagaragaza ibyakozwe, ibitarakozwe n'ingamba zafashwe. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama.

**Umwanzuro 056/10/16-17**

Inama Njyanama yemeje ko mu rwego rwo kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali (Master plan), hashakwa umunsi abajyanama bazayihugurwaho kugirango bazage bagira uruhare rufatika mu bukangurambaga mu baturage. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama.

**Umwanzuro 057/10/16-17**

Inama Njyanama yemeje ko hihutishwa gukora physical plan ahagenewe gutura mu kagari ka Karembure/Gahanga kugirango abahafite ibibanza bahabwe ibyangombwa byo kubaka. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama.

**Umwanzuro 058/10/16-17**

Inama Njyanama yemeje ko hagaragazwa (hakorwa identification) za ruhurura ziteye ibibazo mu karere kugirango hakorwe ubuvugizi hashakwe n'uburyo zakubakwa. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama.

## C. Raporo y'umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza y'abaturage

Nk'uko biteganywa n'itegeko n° 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 mu ngingo 134 §14, Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza y'abaturage yagejeje ku Nama Njyanama raporo y'amezi atandatu (Werurwe - Nzeri 2016 ) bijyanye n'inshingano ze:

**1) Gushyiraho no gukurikirana gahunda y'ibikorwa igamije iterambere ry'uburezi**

Hongerewe umubare w'ibyumba by'amashuri; hahugurwa abarimu bigisha amasomo ya Physics, Electrical na Electronics; hatangwa ibitabo by'integanyanyigisho nshyashya; hasurwa amashuri mu rwego rwo kugenzura imyigire, imyigishirize n' isuku ; hakozwe n'ubukangurambaga mu kwirinda ibiyobyabwenge n' ibindi byaha mu banyeshuri; hakurikiranwe gahunda yo kugaburira abanyeshuri ku mashuri; hakurikiranwa n'ikibazo cy'abana bata amashuri.

**2) Gushyiraho no gukurikirana gahunda y'ibikorwa igamije iterambere ry'ubuzima**

- Hubatswe laboratwari (laboratory) mu rwego rwo gufasha abaturage bivuriza ku kigo nderabuzima cya Gahanga guhabwa amahirwe ku babyeyi bafite ubwandu bwa SIDA kubyara abana badafite ubwandu; hasubiwemo igenamigambi ry'igihe kirekire (District Health strategic plan) n'igenamigambi ry'ubuzima mu mwaka 2016-2017 ririmo ibikorwa byose by'abafatanyabikorwa b'Akarere. Hakozwe ubukangurambaga ku bwisungane mu kwivuza.

- Hatangijwe serivisi ya maternite mu kigo nderabuzima cya Gikondo, hafunguwe laboratoire ku kigo nderabuzima cya Masaka mu rwego rwo gutanga serivisi inoze, hakorwa ubukangurambaga mu rwego rwo kwirinda indwara zandura n'izitandura hakurikiranwa imikorere y'ibitaro by'Akarere, farumasi n'ibigo nderabuzima mu bijyanye n'inama ziteganywa n'amategeko.

- Hakozwe igenzura ry'isuku n'isukura mu mashuri, mu bigo by'ubuvuzi, ahantu hahurira abantu benshi hakorwa n'ubukangurambaga kw'isuku mu tugali twose tugize Akarere.

**3) Gushyiraho gahunda y'ibikorwa yo guteza imbere umuco, siporo n'imyidagaduro**

- Hateguwe hanitabirwa kwibuka ku nshuro ya 22 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994;
- Hateguwe amarushanwa ya Mayor's Cup; ay'abahanzi mu ndirimbo n'Imivugo ku bijyanye n'ubumwe n'ubwiyunge; hateguwe hanizihizwa umunsi mpuzamahanga w'urubyiruko.

**4) Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama Njyanama mu byerekeye iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage:** Hasuwe abaturage bo mu mudugudu wa Murinja mu rwego rwo kumva no gukemura ibibazo byabo bijyanye n'inkunga y'ingoboka, hasurwa n' ishuri rya GS Gahanga mu rwego rwo kureba uko gahunda ya School Feeding ishyirwa mu bikorwa.

**5) Gushyiraho gahunda yo gufasha abatishoboye:** havuguruwe urutonde rw'abatishoboye mu mirenge yose igize Akarere ka Kicukiro, hanavugururwa ibyiciro by'ubudehe.

6) **Gukurikirana ibikorwa n'imikorere by'inzego z'Inama y'Igihugu y'Abagore, iby'inzego z'Inama y'Igihugu y'Urubyiruko n'iz'Inama y'Igihugu y'abantu bafite ubumuga no kuzigira inama:** Hakozwe inteko rusange y'Inama y'Igihugu y'Abagore bamurika ibyo bagezeho mu mwaka wa 2015/2016 n'ibyo bateganya gukora mu mwaka 2016/2017. Hanatanzwe ibiganiro bitandukanye harimo icyo kurwanya ihohoterwa iryari ryo ryose, ikiganiro kuri BDF kivuga ku iterambere ry'umugore n'amahirwe iki kigega gifitiye umugore, n'ibindi.

7) **Gushyira mu bikorwa politiki yo kugoboka, kurengera, gufasha no guteza imbere abatishoboye bacitse ku icumu rya jenoside yakorewe Abatutsi, abandi batishoboye, abafite ubumuga, imfubyi, abapfakazi n'abandi bakeneye inkunga yihutirwa:** Hubatswe inzu 8 z'abacitse kwicumu batishoboye bakaba barazitujwemo; Hatanzwe inkunga y'ingoboka kubaturage batishoboye bafashwa muri gahunda ya VUP n'abacitse kwicumu rya genocide yakorewe abatutsi. Hakurikiranywe imikorere y'ikigo cy'Abagore cyigisha imyuga ndetse hanatangwa na Certificats ku banyeshuri 268 bize imyuga itandukanye.

8) **Gushyiraho ingamba zo gufata neza no kurinda inzibutso n'amarimbi ya jenoside yakorewe Abatutsi:** gukora ibikorwa by'umuganda bigamije gukora isuku ku nzibutso binyuze mu miganda yihariye, gusura inzibutso;

9) **Gushyiraho gahunda yo gukangurira abaturage politiki y'igihugu y'iterambere ry'umuryango:** Ku rwego rw'Imidugudu, Imigoroba y'ababyeyi irakora, ikiga ku bibazo byugarije imiryango, no kubicyemura, bagakora ibimina ndetse bakanaremera bagenzi babo batishoboye. Hashyizweho Inshuti z'Umuryango babiri kuri buri mudugudu, bahugurwa ku nshingano zabo ndetse bahabwa n'igikoresho (telephone) kizajya kibafasha gutanga amakuru mu buryo bwihuse; Abana 30 b'inzererezi bakuwe mu muhanda basubizwa ababyeyi babo; Abana 2 bari mu kigo cy'imfubyi cya Cite de la misercorde bahawe imiryango ibarera abandi 8 babonewe imiryango.

10) **Kwakira no gukemura ibibazo by'abaturage bijyanye n'imibereho myiza:** Hakiriwe kandi hakemurwa ibibazo by'Abaturage bagana Akarere basaba ubufasha butandukanye, hari abahawe inkunga ya amafaranga, hari abakodesherezwe amazu, kurihirwa amashuri, guhabwa amacumbi, no kwishyurirwa metuelle de sante. Hitabiriwe inama zitandukanye kurwego, rw'Igihugu na Karere hagamijwe kunoza politike Iterambere ry'imibereho myiza ya baturage.

**Umwanzuro 059/10/16-17**

Inama Njyanama yakiriye raporo y'ibikorwa byo kuva mu kwezi kwa Werurwe 2016 kugeza mu kwezi kwa Nzeri 2016 biri mu nshingano z'Umuyobozi wungirije ushinzwe imibereho myiza y'abaturage, iranayishima, isaba ko ubutaha raporo ye yajya igaragaza ibyakozwe, ibitarakozwe n'ingamba zafashwe. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama.

## Ingingo ya 4: Raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa (Umugenga w'ingengo y'imari y'Akarere) ku mikoreshereze y'ingengo y'imari 2016/2017 mu gihembwe cya mbere

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere yagejeje ku Nama Njyanama raporo guhera muri Nyakanga 2016 kugeza kuwa 30 Nzeri 2016 ku mikoreshereze y'ingengo y'imari yatowe ya 2016/2017.

Yagaragaje ko mu ngengo y'imari y'amafaranga yinjira yabonetse ku rugero cya 15% naho ku mikoreshereze yayo ikoreshwa ku rugero cya 14%. Hagendewe ku mafaranga yari ateganyijwe kwinjira mu gihembwe cya mbere cy'umwaka w'ingengo y'imari 2016-2017, muri rusange yinjiye ku rugero rwa 77% naho ku mikoreshereze yayo akoreshwa ku rugero cya 82%.

Ibibazo byagaragaye mu ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'ingengo y'imari, bimwe byavuye ku ngengo y'imari y'abaterankunga itarabonekeye igihe, ibindi biva ku misoro akarere kinjiza iba ikiri hasi mu mezi ya mbere y'umwaka (nukuvuga Nyakanga, Kanama, Nzeli).

**Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza uburyo amafaranga yinjiye n'uburyo yakoreshejwe kugeza kuwa 30/09/2016:**

| | Ingengo y'imari yemejwe | Ayinjiye kugeza 30/09/2016 | Ijanisha |
|---|---|---|---|
| Earmarked Transfers | 5,556,635,706 | 1,332,573, 368 | 24% |
| Own Revenues | 5,597,654,328 | 461,999,641 | 8% |
| Transfers From Other GoV | 10,115,830 | 0 | 0% |
| External Grants | 481,401,199 | 0 | 0% |
| **Total Revenues** | **11,645,807,063** | **1,789,166,809** | **15%** |

| | Ingengo y'imari yemejwe | Ayakoreshejwe kugeza 30/09/2016 | Ijanisha |
|---|---|---|---|
| **Recurrent costs** | **9,042,871,433** | **1,378,540,479** | **15%** |
| District Salaries | 1,471,809,946 | 446,142,157 | 30% |
| Health workers salaries | 1,215,073,928 | 283,895,778 | 23% |
| Teachers salaries | 1,803,805,272 | 406,597,656 | 23% |
| Others recurrent costs | 4,552,182,287 | 241,904,888 | 5% |
| **Development Costs** | **2,602,935,630** | **271,392,040** | **10%** |
| Development project's expenditures | 2,602,935,630 | 271,392,040 | 10% |
| **Total expenditures** | **11,645,971807,063** | **1,602,965,408** | **14%** |

Nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri raporo y'umugenga w'ingengo y'imari ku myinjirize n'imikoreshereze y'ingengo y'imari 2016/2017, Inama Njyanama yafashe imyanzuro ikurikira:

**Umwanzuro 060/10/16-17**

Inama Njyanama yakiriye raporo y'Umunyamabanga Nshingwabikorwa akaba n'Umugenga w'ingengo y'imari y'Akarere, ku mikoreshereze y'ingengo y'imari 2016/2017 gihembwe cya mbere. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama.

## Ingingo ya 5: Raporo za Komisiyo z'Inama Njyanama

### A. RAPORO YA KOMISIYO Y'IMARI N'ITERAMBERE RY'UBUKUNGU

Umuyobozi wa komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yagejeje ku nama Njyanama raporo y'inama za komisiyo aho abajyanama bagize iyo komisiyo bize ingingo zikubiye mu mbonerahamwe ikurikira:

| N° | Ingingo yizweho | Umwanzuro wafashwe |
|---|---|---|
| 1 | Gutora umwanditsi wa komisiyo | Nyuma y'uko komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu itangiye gukorera muri Gicurasi 2016, Umwanditsi wayo, umujyanama Rutikanga Alexandre nta nama n'imwe yitabiriye, biza kumenyekana ko yagiye hanze y'igihugu kwiga. Kugirango Komisiyo yuzuze inshingano zayo, mu nama yo kuwa 23/08/2016 abagize komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu batoye umwanditsi wayo ariwe Umujyanama MUTONI Justine. |
| 2 | Kurebera hamwe uko hakorwa ubukangura mbaga ku mpinduka zabaye mu bipimo by'imisoro n'amahoro. | Abajyanama bagize Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, barebeye hamwe uko hakorwa ubukangurambaga ku mpinduka zabaye mu bipimo by'imisoro n'amahoro bemeza gukorera umuganda wo kuwa 27.08.2016 mu Murenge wa Gahanga nyuma yawo bakaganiriza abaturage kuri izo mpinduka zabayeho. Hanyuma Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe ubukungu akamenyesha ba Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge ifite ibishanga bihingwamo byemejwe ko bizajya bisora gukorana inama nabo bakamenyeshwa impinduka zabayeho mu misoro n'amahoro ko nabo bazajya basora. |
| 3 | Gusuzuma impapuro zatanzwe na Oeuvres de don Bosco (Salesiens) zigaragaza umwenda bafitiwe n'Akarere | Nk'uko Inama Njyanama yari yasabye Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu gusuzuma impapuro zatanzwe n'aba Saleliens de Don Bosco zuko yishyuye amafaranga kuri konti y'Akarere ka Kicukiro bishyura ikibanza cyo kubakamo "les Oeuvres de don Bosco, Komisiyo yasuzumye inyandiko zitandukanye Akarere kagiye kandikirana n'aba Saleliens de Don Bosco ku butaka basabaga ndetse n'impapuro za banki zigaragaza ko iki kigo cyavuzwe haruguru cyashyize amafaranga kuri konti z'icyahoze ari Akarere ka Kicukiro dusanga koko byarakozwe ndetse n'Akarere kakaba nta cyo gafite cyigaragaza ko kishyuye ayo mafaranga kandi kakaba nta n'ubutaka katanze nk'uko kari kabyemeye.<br>Komisiyo ikaba isaba Inama Njyanama ko yakwemeza ko ayo amafaranga yashyirwa mu bitabo by'imyenda y'Akarere ndetse na Saleliens de don Bosco bakishyurwa amafaranga batanze kuko batigeze bahabwa ubutaka bari batangiye ayo mafaranga. |
| 4 | Kurebera hamwe uko umuhanda wa Rubirizi – Busanza - Camp Kanombe wubakwa n'Akarere wabonerwa abafaranga yo kwishyura | Nyuma y'ibisobanuro byatanzwe n'Abatekinisiye b'Akarere bigaragaza umushinga wateguwe wo gufata umwenda komisiyo y'imari n'iterambere ry'ubukungu yakoze ubusesenguzi kuri uwo mushinga dusanga arimwiza wafasha Akarere mu kwishyura rwiyemezamirimo akarangiza uwo muhanda kuberako Akarere kazajya gafata umwenda mugihe hatanzwe inyemeza bwishyu igasanga nta mafaranga gafite yo kuyishyura.<br>Amafaranga Akarere gasabwa kugirango umuhanda urangire asaga miliyari 3,123,955,398 Frw, mugihe kaba gafashe umwenda kakaba kakwishyura |

| | | |
|---|---|---|
| | rwiyemezamirimo binyuze mu nguzanyo mu gihe Akarere kadafite amafaranga yo kumwishyura | inyungu isaga miliyoni 62,998,941 Frw.<br><br>Komisiyo irasaba ko mugihe MINIJUST yaba yasubije Akarere yemeye uyu mushinga, Inama Njyanama yakwemeza ko uyu mwenda wafatwa Akarere kakubaka umuhanda wa Busanza ukarangira. |
| 5 | Kwiga ku igenagaciro (expertise) ryakozwe ku masoko abiri yo mu murenge wa masaka ariyo isoko rya Gahoromani n'irya Biryogo. | Komisiyo yasuzumye inyandiko zatanzwe n'umugenagaciro wemewe n'amategeko zigaragaza agaciro k'ayo masoko yombi yo mu Murenge wa Masaka ariyo Gahoromani na Biryogo nk'uko yari yarabisabwe n'Inama Njyanama.<br>Iryo genagaciro ryagaragaje ko isoko rya Biryogo rifite agaciro kangana na 221,340,000 Frw, igiciro kuri metero kare (Unit price) cyingana na Rwf30,000, ikibanza gifite ubuso bungana na metero kare 7378. Isoko rya Gahoromani rifite agaciro kangana na 601,772,573 Frw , igiciro kuri metero kare (Unit price) cyingana na 35,000 Frw, ikibanza gifite ubuso bungana na metero kare 11,796.<br>Nyuma yo gusuzuma ibiciro byatanzwe n'umugenagaciro wemewe n'amategeko no kungurana inama n'abatekinisiye b'Akarere kuri byo, komisiyo irasaba Inama Njyanama ko yakwemeza ko aya masoko agurishwa hakurikije amategeko agenga amasoko ariko byaba byiza hagurishijwe mu cyamunara kuko ariho hakwinjizwa amafaranga menshi. |

**Umwanzuro 061/10/16-17**

Inama Njyanama yemeje ko Umujyanama MUTONI Justine aba umwanditsi wa komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu agasimbura Umujyanama RUTIKANGA Alexandre udahari guhera Gicurasi 2016, akaba yarananditse kuwa 18/10/2016 amenyesha Inama Njyanama ko yagiye mu rugendo shuri mu bushinwa (China) akaba azarangiza muri Mata 2017. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama.

**Umwanzuro 062/10/16-17**

Inama Njyanama yemeje ko umwenda ungana na miliyoni mirongo itatu n'eshatu n'ibihumbi mirongo itandatu n'amafaranga ijana (Rwf 33,060,100) wandikwa mu bitabo by'Akarere kuko yashyizwe kuri konti n° 101-10275-01-90 y'icyahoze ari Akarere ka Kicukiro muri Kamena 2005, agashyirwaho na Salesians de don Bosco nk'uko byemezwa na "ECOBANK The Pan Africa bank" mu ibaruwa yo kuwa 09/02/2016 Umuyobozi wa "internal audit" w'iyo banki yandikiye Akarere ka Kicukiro asubiza ibaruwa yandikiwe n'Umugenga w'ingengo y'imari y'akarere ka Kicukiro kuwa 18/11/2015 aho yasabaga amakuru ku mafaranga yaba yarashyizwe kuri konti yavuzwe haruguru, na Salesiens de don Bosco. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama.

**Umwanzuro 063/10/16-17**

Inama Njyanama yemeje ko Saleliens de don Bosco yishyurwa amafaranga miliyoni mirongo itatu n'eshatu n'ibihumbi mirongo itandatu n'amafaranga ijana (Rwf 33,060,100) bishyuye ubutaka kuri konti n° 101-10275-01-90 y'icyahoze ari Akarere ka Kicukiro muri Kamena 2005, ariko ubwo butaka bakaba batarabuhawe. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama.

**Umwanzuro 064/10/16-17**

Umuyobozi w'Akarere yamenyesheje Inama Njyanama ko kubijyanye n'iyubakwa ry' umuhanda wa Rubirizi – Busanza - Camp Kanombe, MINIJUST yamenyesheje Akarere ko itegeko ritakemerera gufata inguzanyo muri banki; ariko ko bitewe n'igikorwa cyihutirwa kandi nta bundi bushobozi Akarere gafite, ko kakwegera MININFRA, MINALOC na MINECOFIN bakabagira inama. Umuyobozi w'Akarere yamenyesheje Inama Njyanama ko MINALOC yasabye ubuyobozi bw'Akarere kuyandikira buyigaragariza imiterere y'ikibazo n'impamvu bifuza inguzanyo, hanyuma MINALOC ikazakora ubuvugizi muri MININFRA na MINECOFIN.

Inama Njyanama yemeje ko Akarere kihutisha kwandikira MINALOC ku kibazo cy'umuhanda Rubirizi – Busanza - Camp Kanombe kugirango hakorwe ubuvugizi, bityo umuhanda ukorwe. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama.

**Umwanzuro 065/10/16-17**

Inama Njyanama yemeje ko ikibanza cy'Akarere n° 193 giherereye mu mudugudu wa Biryogo mu kagari ka Cyimo mu Murenge wa Masaka UPI 1/03/08/02/193 gifite ubuso bwa $m^2$7,379 (HA 0.7379) n'ikibanza cyubatsemo isoko rya Gahoromani kiri mu mudugudu wa Masaka mu kagari ka Cyimo mu Murenge wa Masaka UPI 1/03/08/02/821 gifite ubuso bwa $m^2$ 11,796 (HA 1.1796) bigurishwa mu buryo bwa cyamunara. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama.

**B. KOMISIYO Y'IMIYOBORERE MYIZA**

Umwanditsi wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza yagejeje ku Nama Njyanama ibikubiye muri raporo y'inama bakoze :

- Komisiyo yifuje ko tariki ya 21/10/2016 aribwo abajyanama bazasura imbibi z'Akarere;
- Komisiyo yifuje ko Abajyanama bajya bakora descente mu mirenge yose nibura buri gihembwe, uyu mwanzuro ukaba uzashyikirizwa Inama Njyanama y'Akarere;
- Komisiyo yifuje ko abajyanama b'Akarere bakorerwa gahunda yo gusura inteko rusange z'abaturage zibera mu mirenge buri wa gatatu w'icyumweru mu rwego rwo kumwa no gukemura ibibazo by'abaturage;
- Inama ya komisiyo yemeje ko abajyanama bazasura imihigo nyuma yaho za komisiyo zikajya zisura ibikorwa by'imihigo bireba komisiyo yazo;
- Inama ya komisiyo yasabye ko izagezwaho raporo y'uko umugoroba w'ababyeyi uhagaze, n'ahakenewe gushyirwa imbaranga kurusha ahandi kugira hafatwe ingamba z'uko uyu mugoroba warushaho kugenda neza.

**Umwanzuro 066/10/16-17**

a) Inama Njyanama yemeje raporo ya Komisiyo y'imiyoborere myiza, inasaba Komisiyo gutegura amatsinda y'abajyanama azasura imirenge, akajya akurikirana na gahunda yo kumva no gukemura ibibazo by'abaturage mu nama zo kuwa gatatu. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama.

b) Inama Njyanama yemeje ko raporo ku mikorere y'umugoroba w'ababyeyi yajya igezwa kuri biro y'Inama Njyanama kugirango komisiyo y'imiyoborere myiza iyisuzume. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama.

## C. KOMISIYO Y'ITERAMBERE RY'IMIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE

Umuyobozi wa Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage yagejeje ku Nama Njyanama raporo y'inama yize ku iteganyabikorwa rya komisiyo 2016/2017 n'ibibazo bigaragara mu karere mu nkingi y'mibereho myiza y'abaturage.

| N° | Ingingo zizweho | Umwanzuro wafashwe |
|---|---|---|
| 1 | Gutegura Iteganyabikorwa rya 2016-2017 | Abitabiriye inama bemeje igihe cyo gukora inama zitandukanye za komisiyo y'iterambere n'imibereho myiza y'abaturage. Izi nama zikazafasha mu gusesengura no kwigira hamwe aho ibikorwa bya komisiyo bigeze n'imbogamizi. |
| | | Inama ya komisiyo yemeje gahunda yo gusura ibikorwa bitandukanye bigaragara mu nkingi y'iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage, aha bikazafasha kumenya buri gihe ibikorwa bigezweho. |
| | | Inama ya komisiyo yemeje ko mu bikorwa bizajya bikorwa hajya harebwa ku mihigo irebana na n'inkingi y'imibereho myiza y'abaturage. |
| | | Abari mu nama bamaze gusesengura kuri buri muhigo bemeje ibikorwa bizajya bikorwa ku mihigo y'iterambere y'imibereho myiza y'abaturage , ndetse bemeza igihe inama zizajya ziteranira, inagena kandi uburyo bw'isurwa ry'ibikorwa bitandukanye. |
| 2 | Ibibazo bigaragara mu karere mu nkingi y'mibereho myiza y'abaturage | <u>**Ubwisungane mu kwivuza**</u>: Abari mu nama bamaze kubona ko ubwisungane mu kwivuza butaragera ku kigero gishimishije bemeje ko hakorwa ubukangurambaga mu baturage ndetse no mu bagize Inama Njyanama bose, hagakusanywa umusanzu uzafasha mu batishoboye batabasha kwiyishyurira ubwisungane mu kwivuza, bityo bikaba urugero no ku bandi bafatanyabikorwa; icyo gikorwa kigakomeza uwo muhigo ukazeswa 100%. |
| | | <u>**Amacumbi y'abahejejwe inyuma n'amateka:**</u> Nyuma yo kubona ubuzima abahejejwe inyuma n'amateka babayemo budashimishije ndetse n'amafaranga akarere gatanga buri kwezi yo kuba kodeshereza amazu batuyemo, abari mu nama batanze igitekerezo cy'uko bashakirwa amacumbi byashoboka bakazaba bamwe mu bazatuzwa mu mudugudu w'ikitegererezo (model village) uzubakwa mu murenge wa Masaka. |

**Umwanzuro 067/10/16-17**

- Inama Njyanama yakiriye raporo ya Komisiyo y'Iterambere ry'imibereho myiza y'abaturage. Icyemezo gitorwa n'abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama.

- Inama Njyanama yashimye igitekerezo cya komisiyo cy'uko buri mujyanama yagira uruhare mu bwisungane mu kwivuza, hemezwa ko buri mujyanama azatanga umusanzu we uko abishoboye hagamijwe gufasha abatishoboye kwishyura ubwisungane mu kwivuza; uwo musanzu ugatangwa bitarenze tariki ya 10/11/2016. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama.

**Umwanzuro 068/10/16-17**
Inama Njyanama yemeje ko Abahejejwe inyuma n'amateka bazitabwaho mu guhabwa aho gutura muri gahunda ya "model village". Icyemezo cyatowe n'abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama.

## Ingingo ya 6: Raporo ya Komite Ngenzuzi

Umuyobozi wa Komite Ngenzuzi yagaragarije Inama Njyanama amakosa yagaragaye mu bitabo by'ibaruramari by'Akarere, mu kigo nderabuzima cya Gahanga, mu bigo by'amashuri no mu zindi NBAs.
Komite Ngenzuzi yasabye Inama Njyanama:

- Gusaba Komite Nyobozi kurushaho kwegera Imirenge (Executif Secretaries & Abashinzwe imicungire y'amafaranga) hagamijwe kubashishikariza kunoza neza imicungire myiza y'amafaranga n'umutungo wa Leta bashinzwe gucunga ndetse no gutegura amahugurwa abahurije hamwe bose kugirango bagire imyumvire imwe ku micungire y'Imari ya Leta.

- Gusaba Komite Nyobozi kugaragaza ingengabihe yo kwishyura ndetse no kwishyuza imyenda imaze igihe kirekire yagaragajwe mu bitabo by'ibaruramari by'Akarere.

**Umwanzuro 069/10/16-17**
Inama Njyanama yakiriye inashima raporo ya Komite Ngenzuzi. Inama Njyanama yemeje ko hategurwa amahugurwa ku micungire myiza y'amafaranga n'umutungo wa Leta, akazitabirwa n'abanyamabanga nshingwabikorwa b'imirenge, abakozi bashinzwe gucunga amafaranga mu mirenge, abacungamutungo muri Non Budget Agencies (NBAs), n'abandi bakozi b'Akarere byagirira akamaro. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama.

**Umwanzuro 070/10/16-17**
Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi kwihutisha kwishyura ndetse no kwishyuza imyenda imaze igihe kirekire yagaragajwe mu bitabo by'ibaruramari by'Akarere. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama.

## Ingingo ya 7: Imikoreshereze y'ubutaka bwatanzwe n'Akarere bumaze igihe butubakwa

Umuyobozi w'Akarere yamenyesheje Inama Njyanama ko hari igikorwa cy'inyungu rusange kigiye gushyirwa mu murenge wa Kagarama Akagari ka Rukatsa, kikazakorerwa mu kibanza nº 1571 Akarere ka Kicukiro kahaye Mega Holdings muri 2012, ariko ikaba itarahubaka kugeza ubu, asaba ko Inama Njyanama yakwemeza ko Mega Holdings yakwimurwa ku mpamvu z'inyungu rusange.

**Umwanzuro 071/10/16-17**
Nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri iki kibazo Inama Njyanama yemeje ko Mega Holdings yimurwa ku mpamvu z'inyungu rusange ariko kubera ko yari yaguze ubwo butaka n'Akarere igasubizwa amafaranga yahaguze kubera ko itarubaka kugeza ubu. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama.

## Ingingo ya 8: Ibibazo by'abaturage

### 1) Ikibazo cy'ikibanza Rwanda Tourism University College (RTUC/UTB) yaguze muri Nzeri 2010 n'Akarere ka Kicukiro

Umuyobozi w'Akarere yagaragarije Inama Njyanama ko RTUC/UTB yaguze n'Akarere ka Kicukiro ubutaka muri Nzeri 2010 bungana na ha 9.8987, nyuma byaje kugaragara ko mu butaka yagurishijwe harimo ha 1.5530 z'abaturage kandi no mu gupima ubwo butaka hakaba harabayeho kwibeshya kuri ha 1.5848. RTUC/UTB irasaba ko abaturage bafite ubutaka aho yari yarahawe bimurwa kugirango ihakorere umushinga wayo.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri iki kibazo, Inama Njyanama yasanze nta bubasha ifite bwo kwimura abaturage kuko umushinga we utari mu bikorwa by'inyungu rusange biteganywa n'amategeko.

**Umwanzuro 072/10/16-17**

- Inama Njyanama yemeje ko Ubuyobozi bw'Akarere bwohereza abatekinisiye kugirango bamenye ingano nyayo y'ubutaka;
- Inama Njyanama yemeje ko RTUC/UTB ishakirwa ubundi butaka aho ariho hose bungana n'ubwo yambuwe cyangwa Ubuyobozi bw'Akarere bukandikira BNR buyisaba kugaragaza agaciro k'amafaranga yishyuwe ku gice cy'aho RTUC/UTB yambuwe ku gaciro k'uyu munsi ugereranyije n'igihe yishyuriye. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama.

### 2) Ikibazo cy'isoko rya Kigarama

Umuyobozi w'Akarere yibukije abajyanama ikibazo cy'iyubakwa ry'isoko rya Kigarama aho nyuma y'uko Khabod inaniwe kubaka iryo soko yasubije ibyangombwa by'ubutaka Akarere ariko Akarere gashyize ikibanza ku isoko Khabod irajurira ivuga ko itishyuwe ibyo yashyize kuri ubwo butaka.

Nyuma y'uko Akarere kagaragarije urwego rw'Umuvunyi ibyakozwe harimo no kuba karashyizeho umugenagaciro wabaze ibyo Khabod yubatse kuri ubwo butaka mu rwego rwo kuyisubiza amafaranga yakoresheje;

Umuvunyi yagiye inama ko hashakwa umugenagaciro ku rwego rw'igihugu utagira aho abogamiye. Uwo mugenagaciro wa "Landmark Ltd" yarashatwe abara ibiri hejuru y'ubutaka muri icyo kibanza, atanga raporo igaragaza ko agaciro k'ibiri hejuru y'ubutaka ari 125,410,663 Rwf.

**Umwanzuro 072/10/16-17**

Nyuma yo kungurana ibitekerezo, Inama Njyanama yemeje ko igenagaciro ryakorewe ibiri hejuru y'ubutaka mu kibanza cyubakwamo isoko rya Kigarama rimenyeshwa urwego rw'Umuvunyi na Khabod kugirango hihutishwe gusubiza ikibanza ku isoko. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama.

### 3) Ikibazo cy'abasirikare bari batuye mu mazu ya EFOTEC

Umuyobozi w'Akarere yamenyesheje Inama Njyanama ko abasirikare bari batuye mu mazu y'ishuri rya EFOTEC igihe basabwe kuyavamo agasubizwa ishuri basabye ibibanza Ubuyobozi

bw'Akarere ka Kicukiro bubibemerera ahari ishyamba rya NAFA mu murenge wa Nyarugunga ndetse batanga n'amafaranga yo gutererwa bornes. Bimaze kugaragara ko iryo shyamba ari inkome ritemewe gutangwamo ibibanza, umwe muri bo yahawe ikibanza mu nyandiko mu murenge wa Kanombe asabwa kuzakurikiza ibigenwa n'amategeko kugirango acyegurirwe. Umuyobozi w'Akarere yakomeje agaragaza ko nta bundi butaka buhari bwo gutangamo ibibanza.

**Umwanzuro 073/10/16-17**

Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku kibazo cy'abasirikare bemerewe ibibanza mu ishyamba ry'inkome riri mu murenge wa Nyarugunga ndetse bakaba baratanze n'amafaranga yo kubaterera bornes, Inama Njyanama yemeje ko:

a) Uwahawe ikibanza muri site iri mu murenge wa Kanombe yubahiriza ibiteganywa n'amategeko kugirango acyandikweho;
b) Abatarandikiwe bazasubizwa amafaranga batanze kugirango batererwe bornes. Icyemezo cyatowe n'abajyanama 19/19 bari mu cyumba cy'inama.

## Ingingo ya 8: Ibintu n'ibindi

1. **Imihigo 2015/2016**

Umuyobozi w'Inama Njyanama yagarutse ku mwanya Akarere ka Kicukiro kagize mu mihigo 2015/2016, bityo yibutsa ko hakwiye gushyirwa imbaraga nyinshi mu gushyira mu bikorwa imihigo 2016/2017 kugirango Akarere gasubirane umwanya mwiza kahozeho.

2. **Kwegura ku mirimo kw' Abanyamabanga Nshingwabikorwa babiri b'Imirenge**

Umuyobozi w'Inama Njyanama yamenyesheje Inama Njyanama ko hari Abanyamabanga Nshingwabikorwa beguye ku mirimo ku mpamvu zabo bwite abo akaba ari uwari Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Gahanga n'uw'Umurenge wa Niboye.

Umuyobozi w'inama yashoje inama ashimira abayitabiriye.

| | |
|---|---|
| 27/10/2016 | 27/10/2016 |
| **UWIZEYE Odette** | **Eng. NKUBANA A. Dismas** |
| Umunyamabanga w'Inama Njyanama | Umuyobozi w'Inama Njyanama |